Kibungo

REPUBLIQUE RWANDAISE

XXXX, le 25/07/1984

No 90/15/09/KGO/84

A traiter par : DG 5 d Coop.

Date entrée : 31/7/84

Nº Classement : 4809/10.09

Ministère des Affaires Sociales
et du Développement Communautaire
B.P. 60 KIGALI

Bwana Prefe wa Prefegitura
**KIBUNGO**

Réf. :

Annexe :

Objet :

Bwana Prefe,

Tumaze kubona icyo mutekereza kuli raporo twabahaye y'urugendo rwa Ministri w'Urubyiruko no gutsura za Koperative muli Prefegitura ya Kibungo mu ibaruwa yanyu Nº1096/04.18 yo kuwa 24/7/1984.

Twasanze muvuga ko idateguye neza ngo:" Iyo umuntu ayisoma atamenya niba ali Ministri uvuga cyangwa se Prefe." Nyamara muli iyo raporo, twakulikiranije uko amagambo yagiye avugwa. Mu gice cya mbere ni Ministri uvuga. Igice cya kabili, ni Prefe uvuga disikuru. Igice cya gatatu ni ibibazo. Ibyo bice bitatu ntibigaragara? Aho twibagiwe ni he ?

Ahandi muvuga ngo:"Mwagiye mwiyandikira gusa utwo mwibuka. Ikindi kandi ibyavugiwe muli iyo nama byose, ibyinshi ntibyanditse. Uduke twanditse natwo twanditse nabi. Ikozwe ahanini n'amazina yabali bayijemo."

Aha Bwana Prefe, ko twanditse utwo twibuka, natwo tukatwandika nabi. Ibyo byinshi tutanditse ni ibihe ? Nanone ko twatwanditse nabi, n'ikinyarwanda kibi ? n'imashini ? Cyangwa hali urugero-fatizo rwa raporo y'inama nk'izo mufite twaba tutazi ?

Aho muvuga ngo: Urukerereza twarwanditse mu mwanya utariwo. Ntituzi ko mukibyibuka, aliko mu ijambo rya Ministri, ageze ku mikino, niho yavuze ko hali ikibazo cy'abantu basigaye bigana cyane urukerereza, aho ruciye bagasigara babyina nkarwo, bikaba byatuma umuco w'akarere usa n'uhinduka mu mbyino. Kandi icyo gihe mwali mutaravuga disikuru. Rwali bujye hehe muli raporo yacu ?

Kubyerekeye gutangira raporo igihe: Aha mulibuka mu kwezi kwa gatandatu twagiye mu nama i Kigali (raporo mwarazibonye). Mbere yo kujya mu nama twakoze ibyo twali twaratangiye kugira ngo hatazagira ibipfa byihutirwa muli iyo minsi twali tudahali. Igihe twali tudahali, nibwo amabaruwa asaba iyo raporo yasohotse.

Bwana Prefe, mu nama tugirana, mwatubwiye ko iyo umuntu abona ikintu kitagenda neza yajya abibwira undi, icyo kibazo kigatunganywa bitagombye kuba birebire.

REPUBLIQUE RWANDAISE

Kigali, le . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . .

No

Ministère des Affaires Sociales
et du Développement Communautaire
B.P. 60 KIGALI

Réf. :

Annexe :

Objet :

None se ko igihe tutali duhari, kandi muzi aho tuli, ko twasanze amabaruwa yihanukiliye, twe tutabona impamvu, ntabwo mwatubwira impamvu tukikosora ?

Twe twabasabaga kutwandikira cyane cyane amabaruwa adutera inkunga, yego n'aduhana iyo ali ngombwa, aliko atali aduca intege. Nya "Mwikize". Ubwo se tumaze iki ? kandi akazi dushinzwe tugakorana umurava tukishimiye.

Tubifulije akazi keza.

Encadreur Régional
w'Urubyiruko na Sport
MUKARAGE Jérôme

Inspegiteri wa za Koperative
NGWIJE Evariste

Bimenyeshejwe :

- Bwana Ministri w'Urubyiruko
  no Gutsura za Koperative
  KIGALI